4° umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta uri ku rwego nibura rw'Umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ibyo bigo;

5° umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru byigenga uri ku rwego nibura rw'Umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

4° one (1) lecturer or one (1) researcher from public Universities and Institutions of higher learning with at least the rank of Associate Professor, elected by the academic and research staff of such Universities or Institutions;

5° one (1) lecturer or one (1) researcher from private Universities and Institutions of higher learning with at least the rank of Associate Professor, elected by the academic and research staff of such Universities or Institutions

4° un (1) enseignant ou un (1) hercheur issu des Universités et Instituts d'enseignement supérieur publics ayant au moins le grade académique de professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces Institutions ;

5° un (1) enseignant ou un (1) chercheur issu des Universités et Instituts d'Enseignement Supérieur privés ayant au moins le grade académique de Professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces Instituts.

Inzego zishinzwe kugena abagomba kujya muri Sena zigomba kwita ku bumwe bw'Abanyarwanda n'ihagararirwa ry'ibitsina byombi.

Organs in charge of the designation of Senators shall take into consideration national unity and representation of both sexes.

Les organes chargés de désigner les Sénateurs sont tenus de prendre en considération l'unité nationale et la représentation des deux sexes.

Ingingo ya 117: Ibisabwa kugira ngo umuntu atorerwe kuba cyangwa agirwe Umusenateri

Article 117: Requirements for the election or appointment of a Senator

Kugira ngo umuntu atorerwe kuba cyangwa agirwe Umusenateri, agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

For one to be elected or appointed as a Senator, he / she shall fulfil the following conditions:

Article 117 : Conditions pour être élu ou désigné Sénateur

Pour être élu ou désigné Sénateur, il faut remplir les conditions suivantes:

- 1° ari umunyarwanda w'indakemwa;
- 2° afite nibura impamyabumenyi ihanitse cyangwa ihwanye na yo cyangwa yarakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta

- 1° be a Rwandan national of integrity;
- 2° hold at least a Bachelor's degree or equivalent qualification or having occupied senior responsibilities in the public or private sector;

- 1° être de nationalité rwandaise et intègre ;
- 2° être au moins détenteur d'un diplôme de licence ou équivalent ou avoir

cyangwa mu bikorera;

3° atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;

4° afite nibura imyaka mirongo ine (40) y'amavuko;

5° atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitahanaguweho n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurwabusembwa;

6° atazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya 11 na 49 z'iri tegeko.

3° not to have been deprived of civil and political rights;

4° be at least forty (40) years of age;

5° not to have been irrevocably sentenced to a main penalty equal to or higher than a six-month (6) imprisonment, which was not erased by amnesty or rehabilitation;

6° not barred by any restrictions provided in Article 11 and 49 of this law.

occupé des hautes fonctions publiques ou privées ;

3° jouir de tous ses droits civiques et politiques ;

4° être âgé de quarante (40) ans au moins ;

5° n'avoir pas été condamné irrévocablement à une peine principale égale ou supérieure à six (6) mois d'emprisonnement, non effacée par l'amnistie ou la réhabilitation ;

6° ne pas être frappé de l'une des incapacités prévues aux articles 11 et 49 de la présente loi.

Ingingo 118: Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubusenateri

Imirimo itabangikana n'iy'Ubusenateri ni iyo kuba:

1° Perezida wa Repubulika;

2° mu bagize Guverinoma;

3° Umudepite;

4° mu bagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali;

5° mu bagize Inama Njyanama y'Umurenge;

6° mu bagize Inama Njyanama y'Akagari;

7° mu bagize Komite Nyobozi y'Umudugudu;

Article 118: Duties incompatible with those of being a Senator

The duties incompatible with the office of a Senator are:

1° President of the Republic;

2° Member of the Cabinet;

3° Deputy;

4° member of the District or City of Kigali Council;

5° member of Sector Council;

6° member of Cell Council;

7° member of Village Executive Committee;

Article 118: Fonctions incompatibles avec celle de Sénateur

Les fonctions de Sénateur sont incompatibles avec celles de:

1° Président de la République ;

2° Membre du Gouvernement ;

3° Député ;

4° membre du Conseil de District ou de la Ville de Kigali ;

5° membre du Conseil de Secteur ;

6° membre du Conseil de Cellule;

7° membre du Comité Exécutif de

Official Gazette n° Special of 19/06/2010

8° umukozi w'Akarere cyangwa uw'Umujyi wa Kigali;	8° employee of a District or the City of Kigali;	Village ;
9° umucamanza;	9° judge;	8° agent du District ou de la Ville de Kigali ;
10° umushinjacyaha;	10° prosecutor;	9° magistrat ;
11° umukozi wo mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta;	11° employee in the civil service or in a public institution;	10° procureur;
12° umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo;	12° employee governed by employment contract;	11° agent de l'Etat ou d'un établissement public ;
13° mu nzego zishinzwe amatora;	13° member of electoral organs;	12° agent régi par un contrat de travail ;
14° mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda cyangwa mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;	14° member of Rwanda Defence Forces, National Police or the National Security Service;	13° membre des organes électoraux;
15° umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umwe mu bagize inama y'ubutegetsi;	15° a head of a commercial agency or one of the members of the Board of Directors;	14° membre des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale ou du Service National de Renseignement et de Sécurité ;
16° mu bagize Komisiyo zihoraho ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'Ubutegetsi Nyubahirizategeko;	16° member of the permanent commissions provided by the Constitution or any other commission that may be established by the Executive;	15° Directeur d'une société commerciale ou membre du Conseil d'Administration ;
17° mu bagize Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane cyangwa umugenzuzi w'imari ya Leta.	17° member of the executive committee of a public institution or one in which the State has shares or a State Auditor.	16° membre des commissions permanentes prévues par la Constitution ou d'autres commissions pouvant être créées par le Pouvoir Exécutif ;
Uretse abantu bavugwa mu gace ka 9° n'aka 14° by'igika cya mbere cy'iyi ngingo, gukora iyo mirimo itabangikanywa n'umurimo w'Ubusenateri ntibibuza abari mu nzego zavuzwe uburenganzira bwo gutorwa. Icyakora,	With exception of persons referred to in points 9° and 14° of paragraph one of this article, the exercise of functions incompatible with the office of a Senator does not deprive persons mentioned in the above positions of their right	17° membre de la direction au sein d'un établissement public ou parastatal ou auditeur des finances de l'Etat.
		Excepté les personnes visées aux points 9° et 14° de l'alinéa premier du présent article, l'exercice des fonctions incompatibles avec celles de Sénateur ne prive pas aux personnes

bakimara gutorwa, bagomba kureka imirimo bari basanzwe bakora.

Abari mu nzego z'imirimo yabangamira igikorwa cy'amatora hamwe n'abari mu mirimo ya Leta, bahagarika by'agateganyo imirimo yabo igihe cyo kwiyamamaza.

Ingingo ya 119: Abagize inteko itora abasenateri 12 n'umubare wa ngombwa kugira ngo itora rikorwe

Abasenateri cumi na babiri (12) batorwa mu ibanga n'Inteko itora igizwe n'Abagize Biro y'Inama Njyanama z'Imirenge n'Abagize Inama Njyanama z'Uturere bigize ifasi y'itora igenwa n'iteka rya Perezida.

Abagize Inama Njyanama y'Umujiyi wa Kigali batorera hamwe n'abagize Inama Njyanama y'Akarere batorewemo.

Inteko itora ku matora ateganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, igomba kuba yujuje nibura 2/3 by'abayigize. Iyo 2/3 bitabonetse, amatora arasubikwa mu gihe kitarenze iminsi itanu(5). Iyo 2/3 bitabonetse ku nshuro ya kabiri itora rikorwa n'abaje.

to be elected. However, as soon as they are elected, they shall resign from their previous positions.

Persons in positions which may influence the electoral process as well as civil servants shall suspend the exercise of their duties during the period of electoral campaign.

Article 119: Composition and quorum of the electoral college for electing 12 Senators

The 12 Senators are elected by secret ballot by an electoral college consisting of members of the bureaux of Sector Councils and members of District Councils making up the electoral constituency, which is determined by a Presidential Order.

Kigali City Council members take part in elections together with members of the District Council where they were elected

The elections provided in paragraph one of this article shall take place only when 2/3 of the electoral college is present. If 2/3 are not attained, elections shall be postponed for a period not exceeding five (5) days. If for the second round 2/3 are not attained, the elections

occupant les fonctions ci-haut citées, le droit d'être éligible. Toutefois, dès leur élection, elles doivent démissionner de leurs fonctions antérieures.

Les personnes dont les fonctions peuvent influencer la campagne électorale, de même que les agents de l'Etat, suspendent leurs fonctions pendant la période de la campagne électorale.

Article 119 : Composition et quorum du collège électoral des 12 Sénateurs

Les douze (12) Sénateurs sont élus au scrutin secret par un collège électoral composé des membres de bureaux des Conseils de Secteurs et des membres des Conseils de Districts composant la Circonscription électorale qui est déterminée par Arrêté Présidentiel.

Les membres du Conseil de la Ville de Kigali participent aux élections ensemble avec les membres du Conseil de District dans lequel ils ont été élus.

Le collège électoral pour les élections prévues à l'alinéa premier du présent article doit réunir au moins 2/3 de ses membres. Si les 2/3 de ses membres ne sont pas réunis, les élections sont reportées dans un délai ne

shall be conducted by voters present.

Ingingo ya 120: Itora ry'Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibiyigenga

Abasenateri batorwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibiyigenga batorwa na bagenzi babo mu ibanga.

Ku Basenateri batorwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibiyigenga, inteko itora igomba kuba yujuje nibura 3/4 by'abayigize. Iyo 3/4 bitabonetse, amatora arasubikwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Iyo 3/4 bitabonetse ku nshuro ya kabiri itora rikorwa n'abaje.

Inteko itora itumizwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ari nayo igena itariki, isaha n'aho amatora azabera. Ubwo butumire bugomba gukorwa nibura iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'umunsi w'itora.

Article 120: Elections of Senators representing public and private Universities and Institutions of higher learning

Senators elected from public and private Universities and Institutions of higher learning are elected by their peers by a secret ballot.

For senators elected in public and private Universities and Institutions of higher learning, the electoral college shall be composed of at least 3/4 of its members. If 3/4 are not attained, elections shall be postponed for a period not exceeding five (5) days. If 3/4 are not attained on the second round, elections shall be conducted by voters present.

The electoral college shall be convened by the National Electoral Commission which determines the date, time and venue of the elections. This summon shall be made at least fifteen (15) days before the election is conducted.

dépassant pas cinq (5) jours. Si les 2/3 ne sont pas réunis au second tour, les membres presents procèdent au vote.

Article 120: Election des Sénateurs issus des Universités et des Instituts d'Enseignement Supérieur publics et privés

Les Sénateurs issus des Universités et des Instituts d'Enseignement Supérieur publics et privés sont élus par leurs pairs au scrutin secret.

Le collège électoral pour l'élection des Sénateurs issus des Universités et Instituts d'enseignement supérieur publics et privés doit réunir au moins les 3/4 de ses membres. Si les 3/4 de ses membres ne sont pas réunis, les élections sont reportées dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours. Si les 3/4 ne sont pas réunis au second tour, les membres présents procèdent au vote.

Le collège électoral est convoqué par la Commission Nationale Electorale qui fixe la date, l'heure et le lieu du scrutin. Cette convocation doit se faire au moins quinze (15) jours avant le scrutin.

Ingingo ya 121: Itora ry'Abasenateri bagomba gutorwa

Ku Basenateri bagomba gutorwa, hatorwa umuntu umwe mu itora rikozwe mu byiciro bibiri. Itora rikorwa mu cyiciro kimwe iyo umwe mu bakandida agize ubwiganze burunduye bw'amajwi.

Abajya mu cyiciro cya kabiri ni abakandida babiri barushije abandi amajwi. Utorwa mu cyiciro cya kabiri ni uwarushije undi amajwi. Iyo banganyije amajwi, itora risubirwamo. Iyo bakomeje kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora akena uburyo bikorwamo.

Ingingo ya 122: Igihe cyo gutangaza ibyavuye mu matora y'abagize Umutwe wa Sena

Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora ry'abagize Umutwe wa Sena rirangiye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora yabereye mu ifasi y'itora yagenwe n'Iteka rya Perezida no

Article 121: Election of Senators who must be elected

For Senators who must be elected, the election is carried out by voting one person in two rounds. The election shall be conducted in one round where one of the candidates obtains the absolute majority votes.

Two candidates who obtain the highest number of votes shall compete in the second round. The candidate who obtains the highest votes shall be elected. Where there is equality of votes, there shall be a new voting. Where equality persists, drawing lots shall apply to determine the successful candidate.

Modalities shall be determined by instructions of the National Electoral Commission.

Article 122 Period for announcement of Senatorial election results

Within a period of five (5) days following the elections of the members of the Senate, the National Electoral Commission shall announce provisional results of elections conducted at the level of the electoral constituency determined

Article 121: Election des Sénateurs devant être élus

Pour les Sénateurs devant être élus, le scrutin est uninominal à deux tours. Le scrutin sera à un tour si l'un des candidats obtient la majorité absolue des suffrages exprimés.

Ne pourront se présenter au second tour que les deux (2) candidats ayant obtenu le plus grand nombre de suffrages exprimés. Au second tour du scrutin, est élu le candidat qui a obtenu le plus grand nombre de suffrages exprimés. En cas d'égalité de voix, il est procédé au nouveau vote. Si l'égalité persiste, il est procédé au tirage au sort pour déterminer le candidat gagnant.

Les modalités en sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale.

Article 122 : Délai de publication des résultats issus des élections des membres du Sénat

Dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours après les élections des Sénateurs, la Commission Nationale Electorale proclame les résultats provisoires des élections

muri za Kaminuza no mu Bigo by'Amashuri Makuru bya Leta n'Ibyigenga.

by a Presidential Order and at the level of public and private Universities and Institutions of higher learning.

organisées au niveau de la circonscription électorale déterminée par Arrêté Présidentiel et au niveau des Universités et Instituts d'enseignements supérieur publics et privés.

Itangazwa burundu ry'ibyavuye mu matora rikorwa na Komisiyo y'Igihugu y'amatora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) Abasenateri batowe.

The final proclamation of election results shall be made by the National Electoral Commission within a period of seven (7) days following the election of Senators.

La proclamation définitive des résultats des élections est faite par la Commission Nationale Electorale dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de l'élection des Sénateurs.

Ingingo ya 123: Isimburwa ry'Umusenateri udashoboye kurangiza manda

Article 123: Replacement of a Senator who is unable to complete the term of office

Article 123: Remplacement du Sénateur ne pouvant pas achever son mandat

Mu gihe Umusenateri watowe yeguye, apfuye, avanywe ku murimo we w'Ubusenateri n'icyemezo cy'urukiko, cyangwa agize indi impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe (1), harongerwa hakaba amatora.

When an elected Senator resigns, dies or is removed from office by a court's decision or in the event of any other circumstance which prevents a Senator from completing his or her term of office which is equivalent to at least one year, fresh elections shall be conducted.

Lorsqu'un Sénateur démissionne, est décédé, ou est déchu de ses fonctions par une décision judiciaire ou est définitivement empêché de siéger un an au moins avant la fin du mandat, il est procédé à de nouvelles élections.

Iyo ari Umusenateri washyizweho, urwego rwamushyizeho ni na rwo rugena umusimbura. Umusenateri mushya utowe cyangwa ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye; ntiyongerwa gutorwa cyangwa gushyirwaho nk'Umusenateri.

In case it is a Senator who was appointed, the organ that appointed him or her shall determine the person to replace him or her. The new Senator elected or appointed shall complete the remaining term of office of the one his or her predecessor and shall no more be eligible for the duty of Senator.

S'il s'agit d'un Sénateur ayant fait l'objet de désignation, son remplaçant est nommé par l'organe compétent qui l'a désigné. Le Sénateur ainsi élu ou désigné achève le mandat de celui qu'il remplace et ne sera plus éligible aux fonctions de Sénateur.

INTERURO YA IV : INGINGO ZIHARIYE KU MATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE.

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 124: Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze

Amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze ni amatora y'inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 125: Ibujijwe abiyamamariza ubuyobozi ku rwego rw'ibanze

Ku biyamamariza ubuyobozi ku rwego rw'Inzego z'Ibanze, nta witoza mu izina ry'Umutwe wa Politiki.

Ingingo 126: Manda n'isimburwa ry'abatorewe kuba abayobozi mu nzego z'ibanze

Manda y'abatorewe kujya mu nzego z'ibanze ni imyaka itanu (5).

TITLE IV: SPECIFIC PROVISIONS RELATED TO ELECTIONS OF THE LEADERS AT LOCAL ADMINISTRATIVE LEVEL

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article 124: Election of leaders at the local administrative level

Election of leaders at local administrative level shall be at the level of Village, Cell, Sector District and the City of Kigali

Article 125: Prohibitions to candidates for leadership at local level

For candidates campaigning for leadership at local level, it is not allowed to campaign on the basis of a political organization.

Article 126: Term of office and replacement of elected local government officials

The term of office for elected local administrative authorities is five (5) years.

TITRE IV : DISPOSITIONS PARTICULIERES AUX ELECTIONS DES AUTORITES AUX ECHELONS ADMINISTRATIFS DE BASE

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article 124: Elections des autorités aux échelons administratifs de base

Les élections des autorités aux échelons administratifs de base sont des élections des autorités au niveau du village, de la cellule, du secteur, du District et de la Ville de Kigali.

Article 125 : Agissements interdits aux candidats pour les postes aux entités administratives de base

Nul ne peut se faire élire au niveau des entités administratives de base au nom d'une formation politique.

Article 126: Mandat et remplacement des autorités élus aux échelons administratifs de base

Les autorités aux échelons administratifs de base sont élues pour un mandat de cinq

Iyo umuntu watowe mu bagize inzego z'ibanze agize impamvu iyo ari yo yose imubuza gukomeza imirimo yatorewe, asimburwa hakoreshejwe itora mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira guhagarara ku mirimo ye.

Ariko iyo hasigaye amezi atandatu (6) ngo manda yatorewe irangire, nta matora akoreshwa.

Minisitiri ufite Ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano ze ageza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imyanya yose ikeneye gutorerwa mu rwego rwo gusimbura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) Umuyobozi uvuye mu mwanya yari yaratorewe.

UMUTWE WA II: AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE KU RWEGO RW'UMUDUGUDU, URW'AKAGARI N'URW'UMURENGE

ICYICIRO CYA MBERE I IMYANYA ITORERWA

In case an elected leader at local levels cannot fulfil his or her duties due to any reason, he or she is replaced through elections organised in a three-month (3) period following suspension of his or her duties.

However, if the remaining period to complete the term of office is six (6) months, the elections shall not be conducted.

The Minister in charge of local government shall communicate to the National Electoral Commission all positions to be occupied in thirty (30) days from the date the elected leader left office.

CHAPTER II: ELECTIONS AT THE LEVELS OF VILLAGE, CELL AND SECTOR.

SECTION ONE: ELECTIVE POSTS

(5) ans.

Si une personne élue au niveau local ne peut exercer ses fonctions pour une raison quelconque, elle est remplacée par voie d'élections qui sont organisées dans les trois (3) mois à compter de son empêchement.

Toutefois, ces élections ne sont pas organisées s'il ne reste que six (6) mois pour la fin du mandat.

Le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions communique à la Commission Nationale Electorale, la liste exhaustive des autorités à remplacer dans les trente (30) jours qui suivent l'arrêt d'activité de l'autorité élue.

CHAPITRE II: ELECTIONS AUX NIVEAUX DES VILLAGES, DES CELLULES ET DES SECTEURS

**SECTION
ELECTIFS**

PREMIERE:POSTES

Ingingo ya 127: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, n'urw'Umurenge

Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, n'urw'Umurenge igenwa n'Iteka ry Perezida.

Article 127: Elective posts at Village, Cell and Sector levels

Elective Posts at the Village, Cell and Sector levels are determined by a Presidential Order.

Article 127: Postes électifs au niveau du village, de la cellule et du secteur

Les postes électifs au niveau du village, de la cellule et du secteur sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

ICYICIRO CYA II: KWEMERERWA GUTORWA

SECTION II: ELIGIBILITY

SECTION II: ELIGIBILITE

Ingingo ya 128: Ibisabwa abiyamamariza imyanya y'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'urw'Umurenge

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 27 y'iri tegeko, uwemerewe gutorwa ni Umunyarwanda wese utuye mu Mudugudu, Akagari cyangwa Umurenge wujuje ibya ngombwa bisabwa ku mwanya ashaka kwiyamamarizaho nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Article 128: Requirements for candidates for leadership positions at Village, Cell and Sector levels

Without prejudice to the provisions of article 27 of this law, any Rwandan residing in the Village, Cell or Sector and fulfilling the conditions required for the post he or she is campaigning for as provided for by this law is eligible.

Article 128: Conditions exigées aux candidats aux postes d'autorité au niveau du Village, de la Cellule et du Secteur

Sous réserve des dispositions de l'article 27 de la présente loi, est éligible tout rwandais résidant dans le village, dans la cellule ou dans le secteur et remplissant les conditions requises pour le poste à pourvoir telles que prévues par la présente loi.

Ingingo ya 129: Imirimo itabangikanywa n'uw'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari n'urw'Umurenge

Kubera imirimo bashinzwe, abantu bakurikira ntibemerewe gutorerwa imyanya y'ubuyobozi ku Mudugudu, ku Kagari no ku Murenge:

Article 129: Duties incompatible with local leaders at Village, Cell and Sector levels

Due to their duties, the following persons are prohibited from being elected at Village, Cell or Sector level:

Article 129 : Fonctions incompatibles avec celle des autorités au niveau du Village, de la Cellule et du Secteur

A cause de leurs fonctions, les personnes suivantes ne sont pas éligibles en qualité

- 1° umwunzi ;
- 2° inyangamugayo y'Inkiko Gacaca ;
- 3° umusirikare ukiri mu kazi ;
- 4° umupolisi ukiri mu kazi ;
- 5° umucamanza w'umwuga ;
- 6° umuntu uwo ariwe wese amategeko yihariye atemerera kubangikanya imirimo ashaka gutorerwa.

- 1° mediator;
- 2° Gacaca Court judge;
- 3° a soldier still in service;
- 4° a Police officer still in service;
- 5° a Professional judge;
- 6° any person prevented by special laws from holding other offices with the function for which he or she wishes to be elected.

Icyakora, uko kutemererwa gutorwa kuvaho iyo ushaka gutorwa asezeye ku murimo yariho bikemerwa n'inzego zibifitiye ububasha.

However, the cause for ineligibility is lifted where the person wishing to be elected resigns from the incompatible function he or she used to hold and where the resignation is approved by competent organs.

ICYICIRO CYA III : GUTANGA KANDIDATIRE

SECTION III: PRESENTATION OF CANDIDATURES

Ingingo ya 130: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiyamamariza umwanya w'Ubujoyanama ku Murenge, mu Kagari n'uw'Umukuru w'Umudugudu

Article 130: Requirements for presentation of candidature for the post of a Sector and Cell Council member and head of the Village

Kugira ngo umuntu yemererwe kwiyamamariza umwanya w'Ubujoyanama w'Umurenge, uw'Akagari cyangwa uw'Umukuru w'Umudugudu agomba kuba:

In order for a person to campaign for the post of council member at the Sector, Cell and the Head of Village, he or she is required to fulfil the following conditions:

d'autorités au niveau du village, de la cellule et du secteur:

- 1° conciliateur ;
- 2° juge des juridictions Gacaca ;
- 3° militaire en service ;
- 4° agent de police en service ;
- 5° magistrat de carrière ;
- 6° toute personne dont les lois particulières interdisent le cumul des fonctions avec celle pour laquelle elle veut être élue.

Toutefois, la cause d'inéligibilité est levée lorsque la personne qui veut être élue démissionne de la fonction incompatible qu'elle occupait et que cette démission est acceptée par les organes compétents.

SECTION III: DEPOT DE CANDIDATURE

Article 130: Conditions de candidature au poste de membre du Conseil de Secteur, de Cellule ou à celui de Chef du Village.

Pour être éligible à poser sa candidature au poste de membre du conseil de secteur, de cellule ou à celui de Chef du village, toute personne intéressée doit remplir les conditions suivantes :

1° afite nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko ;

2° afite nibura yarize amashuri atandatu abanza;

3° atazitiwe n'imwe mu ngingo z'iri tegeko.

1° be at least twenty-five (25) years of age;

2° at least to have completed six years of primary school;

3° not to be restricted by any provision of this law.

1° être âgée d'au moins vingt-cinq (25) ans ;

2° avoir accompli au moins six ans d'enseignement primaire ;

3° ne pas faire l'objet de restrictions visées à l'une des dispositions de la présente loi.

Ingingo ya 131: Ibisabwa ku yindi myanya y'ubuyobozi ku rwego rw'Umudugudu

Article 131: Requirements for other administrative posts at Village

Article 131: Conditions de candidature à d'autres postes administratifs au niveau du village

Ku yindi myanya yiyamamarizwa, umukandida agomba kuba:

With regard to other posts to be campaigned for, the candidate shall have:

Pour les autres postes électifs, le candidat doit remplir les conditions suivantes :

1° afite nibura imyaka 21 y'amavuko;

2° yarize nibura amashuri 6 abanza;

3° atazitiwe n'imwe mu ngingo z'iri tegeko.

1 ° at least 21 years of age;

2 ° at least to have completed six years of primary school;

3 ° not to be restricted by any provisions of this law.

1° être âgée d'au moins 21 ans ;

2° avoir accompli au moins six années d'enseignement primaire ;

3° ne pas faire l'objet de restrictions visées à l'une des dispositions de la présente loi.

ICYICIRO CYA IV: ITORA

SECTION IV: ELECTION

SECTION IV: ELECTION

Ingingo ya 132: Uburyo amatora akorwa

Article 132: Modalities for elections

Article 132: Déroulement des élections

Mu matora y'abayobozi b'inzeho z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge, umukandida urushije abandi amajwi ni we uba yatsinze ku mwanya utorerwa. Iyo umukandida

In administrative local elections at Village, Cell and Sector levels, the candidate who obtains the majority of votes is declared the winner of the post. In case of one candidate,

Pour les élections des autorités locales aux niveaux du village, de la cellule et du secteur; le candidat ayant obtenu le plus

ari umwe rukumbi, atsinda amatora ari uko yabonye ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo atagejeje ku bwiganze busesuye bw'amajwi amatora asubirwamo kugeza igihe bubonekeye.

he/she is the winner if he / she obtains the absolute majority of votes.

Where he / she does not obtain the absolute majority of votes, election is repeated until it is obtained.

Ingingo ya 133: Amatora y'abayobozi ku nzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge

Article 133: Elections for local administrative Authorities at village, cell and sector levels

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 48 y'iri tegeko, itorwa ry'abayobozi ku nzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu, Akagali n'Umurenge rishobora kudakorwa mu ibanga.

Without prejudice to the provisions of article 48 of this law, election of leaders at village, Cell and Sector levels may not be conducted in secret.

Uburyo amatora akorwamo bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Modalities for conducting the elections shall be determined by a Presidential Order.

Ingingo ya 134: Ibarura ry'amajwi iyo abakandida banganyije amajwi mu matora

Article 134: Vote counting in case of a tie in elections

Iyo hari abanganyije amajwi mu matora, amatora asubirwamo incuro imwe (1). Iyo nta gihindutse hakoreshwa tombola hagati yabo hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

In the event of a tie, elections shall be reconducted only once. In case of no change, there shall be drawing of lots among them in accordance with the instructions of the National Electoral Commission.

grand nombre de voix est déclaré vainqueur des élections pour ce poste. Lorsque le candidat est unique, il est élu lorsqu'il obtient la majorité absolue des voix. Lorsqu'il n'obtient pas la majorité absolue des voix, les élections sont refaites jusqu'à ce que cette majorité soit dégagée.

Article 133 : Elections des autorités aux niveaux du village, de la cellule et du secteur

Sans préjudice des dispositions de l'article 48 de la présente loi, les élections des autorités locales au niveau du village, de la cellule et du secteur peuvent ne pas se faire à scrutin secret.

Les modalités de vote sont déterminées par Arrêté présidentiel.

Article 134: Décompte des voix en cas de partage égal des voix lors d'un vote

En cas de partage égal des voix lors d'un vote, il est procédé à un deuxième tour. Si l'égalité persiste, il est procédé au tirage au sort dont les modalités sont déterminées par les instructions de la Commission Nationale Electorale.

**UMUTWE WA III: ITORA KU RWEGO
RW'AKARERE N'URW'UMUJYI WA
KIGALI**

**ICYICIRO CYA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya 135: Uburyo itora ry'abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali rikorwa

Itora ry'abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali rikorwa mu buryo buziguye cyangwa butaziguye kandi mu ibanga.

Ingingo ya 136: Inzego z'ubuyobozi bw'ibanze zitorerwa ku Karere n'Umujyi wa Kigali

Inzego z'ubuyobozi bw'ibanze zitorerwa ku Karere n'Umujyi wa Kigali ni:

- 1° Inama Njyanama;
- 2° Biro y'Inama Njyanama;
- 3° Komite Nyobozi.

**CHAPTER III: ELECTIONS AT
DISTRICT AND KIGALI CITY LEVELS**

SECTION ONE: GENERAL PROVISIONS

Article 135: Modalities for local elections at District and Kigali City levels

The elections of local administrative leaders at District and Kigali City levels are conducted through direct or indirect suffrage and by secret ballot.

Article: 136: Local administrative organs elected at District and Kigali City levels

Local administrative organs elected for at the District and Kigali City levels are:

- 1° the Council;
- 2° the Bureau of the Council;
- 3° the Executive Committee;

**CHAPITRE III: ELECTIONS AU
NIVEAU DES DISTRICTS ET DE LA
VILLE DE KIGALI**

**SECTION PREMIÈRE: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Article 135 : Mode de scrutin pour les élections au niveau de District et de la Ville de Kigali

Les élections des autorités locales au niveau du District et de la Ville de Kigali se font au suffrage indirect ou direct et secret.

Article 136: Organes des entités administratives locales élus au niveau du District et de la Ville de Kigali

Les organes des entités administratives locales élus au niveau du District et de la Ville de Kigali sont :

- 1° le Conseil ;
- 2° le Bureau du Conseil ;
- 3° le Comité Exécutif.

ICYICIRO CYA 2: KUTABANGIKANA KW'IMIRIMO

Akiciro ka mbere. Imirimo itabangikanywa

Ingingo ya 137: Imirimo itabangikanywa n'iy'ubujyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umujyi wa Kigali

Imirimo ikurikira ntishobora kubangikanywa n'umurimo w'ubujyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umujyi wa Kigali:

- 1° kuba mu bagize Guverinoma;
- 2° kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko;
- 3° kuba Umucamanza cyangwa Umushinjacyaha;
- 4° kuba Guverineri w'Intara;
- 5° kuba Umupolisi;
- 6° kuba Umusirikare;
- 7° kuba ukora imirimo ya Leta hanze y'Igihugu;
- 8° kuba umwe mu batoresha izo nzego;
- 9° kuba umukozi mu butegetsi bwite bw'Akarere ukorera ku cyicaro cyako cyangwa ubw'Umujyi wa Kigali kandi ari ho ubereye Umujyanama;
- 10° kuba umukozi w'Umurenge uri mu Karere

SECTION 2: INCOMPATIBILITY OF DUTIES

Sub section one: Incompatible duties

Article 137: Duties incompatible with those of a member of a Council at District or Kigali City Levels

The following duties are incompatible with the duties of a member of a Council at District or City of Kigali level:

- 1° member of Cabinet;
- 2° member of Parliament;
- 3° judge or a prosecutor;
- 4° Governor of a Province;
- 5° police officer;
- 6° soldier;
- 7° public servant outside the country;
- 8° one of the electoral supervisors at those levels;
- 9° an agent in a District central administration working at its Head Office or in City of Kigali central administration when you are its Council members;
- 10° an agent of the Sector constituting the District from where he or she has been

SECTION 2: INCOMPATIBILITE DES FONCTIONS

Sous-section première : Fonctions incompatibles

Article 137: Fonctions incompatibles avec la fonction de membre du conseil au niveau du District ou de la Ville de Kigali

Les fonctions suivantes sont incompatibles avec la fonction de membre du Conseil au niveau du District ou de la Ville de Kigali :

- 1° être membre du Gouvernement ;
- 2° être membre du Parlement ;
- 3° être juge ou procureur ;
- 4° être Gouverneur de Province ;
- 5° être agent de la Police ;
- 6° être militaire ;
- 7° être fonctionnaire de l'Etat en poste à l'étranger ;
- 8° être membre de l'équipe chargée de la supervision de ces élections ;
- 9° être agent du District basé à son siège ou de la Ville de Kigali où il est membre du Conseil;
- 10° être agent du Secteur qui compose le

watorewemo kandi uhembwa n’ako Karere;

11° kuba Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta cyangwa Umwungirije;

12° kuba Umuvunyi Mukuru cyangwa Umwungirije.

Icyakora, iyo ukora umwe muri iyo mirimo abisabye ubuyobozi bumukuriye bikemerwa mu nyandiko, ahagarika by’agateganyo imirimo ye mbere yo gutanga kandidatire ye. Yemererwa kwiyamamaza, yatorwa akabona kwegura kuri uwo murimo utabangikanywa n’uwo yatorewe. Iyo adatowe, asubira mu mirimo ye nta nzitizi.

Akiciro ka 2. Imyanya itorerwa idakomatanywa

Ingingo ya 138: Imyanya itorerwa idakomatanywa

Gukomatanya imirimo ibiri itorerwa ikurikira ntibyemewe:

1° umwe mu bagize Inama Njyanama y’Akagari

elected and being paid by this District;

11°the Auditor General of State Finances or his or her Deputy;

12°the Ombudsman or his or her Deputy.

However, if a person exercising one of such duties requests and receives approval from his or her immediate superior in writing, he or she shall temporarily suspend his or her duties before he or she forwards his or her candidature. He or she shall be allowed to campaign and if he or she is elected, he or she shall resign from such a post which is incompatible with the one for which he or she is elected. If he or she is not elected, he or she shall return to his or her duties without any hindrance.

Sub Section 2: Incompatible elective posts

Article 138: Incompatible elective posts

No person shall be allowed to hold the following two incompatible posts:

1 ° being a member of the Cell Council;

District dans lequel on a été élu et étant rémunéré par ce District ;

11°être Auditeur Général des Finances de l’Etat ou son Adjoint ;

12° être Ombudsman ou son Adjoint.

Toutefois, si une personne qui exerce une de ces fonctions précitées le demande à son chef hiérarchique et que celui-ci marque son accord par écrit, l’intéressé suspend provisoirement ses fonctions avant de déposer sa candidature. Il lui est permis de faire la campagne électorale, si elle gagne les élections, elle démissionne de son ancienne fonction incompatible avec la nouvelle fonction à laquelle elle vient d’être élue. Si elle n’est pas élue, elle regagne sa fonction et ce, sans condition.

Sous-section 2. Fonctions éligibles non-cumulables

Article 138: Fonctions éligibles non cumulables

Le cumul des fonctions suivantes n’est pas permis :

1° être membre du Conseil de cellule ;

- 2° umwe mu bagize Inama Njyanama y'Umurenge;
- 3° umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere;
- 4° umwe mu bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
- 5° umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko;
- 6° Perezida wa Repubulika.

- 2 ° being a member of the Sector Council;
- 3 ° being a member of the District Council;
- 4 ° being a member of City of Kigali Council;
- 5 ° being a member of Parliament;
- 6 ° being the President of the Republic.

- 2° être membre du Conseil de Secteur ;
- 3° être membre du Conseil de District ;
- 4° être membre du Conseil de la Ville de Kigali
- 5° être membre du Parlement.
- 6° être Président de la République.

Uwaramuka atorewe imyanya ibiri muri iyi agomba, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uhereye ku munsu yarahiriyeho, kuba yeguye bikozwe mu nyandiko ku mwanya umwe yihitiyemo kugira ngo ubutabangikanywa bw'imirimu bwubahirizwe. Iyo muri icyo gihe cy'iminsi itatu (3) adashoboye guhitamo, bifatwa nk'aho umurimo wa mbere yari yaratorewe uhagaze nta mpaka.

If any person is elected for two of the above posts, he or she is required within three (3) days from the day of the swearing in ceremony, to resign in writing, from one of the posts of his or her choice so as to respect the incompatibility of duties. If within three (3) days he or she is unable to make a choice, the first post for which he or she was elected shall be considered as suspended as of right.

Quiconque est élu aux deux fonctions parmi celles citées plus haut doit, dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours de sa prestation de serment, avoir démissionné par écrit de l'une de ces fonctions afin de respecter le principe de l'incompatibilité des fonctions. S'il ne peut pas faire son choix endéans trois (3) jours, il est mis fin d'office à la première fonction à laquelle elle a été élue.

ICYICIRO CYA 3: GUTANGA KANDIDATURE

SECTION 3: PRESENTATION OF CANDIDATURE

SECTION 3: DÉPÔT DE CANDIDATURE

Akicro ka mbere: Kandidature ku mwanya w'ubujyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umujyi wa Kigali

Sub Section one: Candidature for a member of a Council at District or City of Kigali level

Sous-section première : Candidature au poste de membre du Conseil du District ou de la Ville de Kigali

Ingingo ya 139: Ibisabwa utanga kandidature ku mwanya w'ubujyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umujyi wa Kigali

Article 139 : Requirements for the post of member of a Council at District or City of Kigali level

Article 139: Conditions exigées aux candidats au poste de membre du conseil au niveau du District ou de la Ville de Kigali

Ushaka gutanga kandidature ku mwanya

Any person who wish to present his or her

w'ubujyanama ku rwego rw'Akarere cyangwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, agomba kuba :

- 1° ari Umunyarwanda
- 2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
- 3° afite nibura impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye yemewe na Leta;
- 4° atazitiwe n'ibivugwa mu ngingo ya 11 n'iya 49

candidature for a member of a Council at District or City of Kigali level shall be required to be:

- 1 ° a Rwandan by Nationality;
- 2 ° at least 21 years old;
- 3 ° in possession of at least a state recognized secondary school certificate;
- 4 ° free from restrictions referred to in articles 11 and 49.

Toute personne désirant présenter sa candidature au poste de membre du conseil au niveau du District ou de la Ville de Kigali doit:

- 1° être de nationalité rwandaise ;
- 2° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans;
- 3° avoir au moins un Certificat ou Diplôme d'études secondaires de niveau A2 ;
- 4° ne pas faire l'objet de restrictions visées aux articles 11 et 49 de la présente loi.

Ingingo ya 140: Uburyo bwo gutanga kandidatire

Gutanga kandidatire ku mwanya wiyamamarizwa bikorwa mu nyandiko yohererezwa Umuhuzabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umujyi wa Kigali kandi bitangirwa icyemezo cy'iyakira.

Article 140: Modalities for submission of candidature

Presenting one's candidature is done in writing to the Coordinator of the National Electoral Commission at District or City of Kigali level and a certificate of acknowledgement is issued.

Article 140: Modalités de dépôt des candidatures

Le dépôt de candidature au poste de membre du Conseil de District se fait par une lettre contre accusé de réception adressée au Coordinateur de la Commission Nationale Electorale au niveau de District.

Inyandiko itanga kandidatire igaragaza ibi bikurikira :

- 1° amazina y'umukandida
- 2° igihe n'aho yavukiye;
- 3° umwuga n'aho atuye;
- 4° umwanya wiyamamariza.

The application for candidature shall include the following:

- 1° candidate's names;
- 2° date and place of birth;
- 3° profession and residence;
- 4° the post he / she is competing for.

La lettre de candidature indique les éléments ci-après :

- 1° les noms du candidat;
- 2° la date et le lieu de naissance;
- 3° la profession et le lieu de résidence;
- 4° le poste sollicité.

Ingingo ya 141: Ibyangombwa biherekeza kandidature

Inyandiko itanga kandidature iherekezwa n'ibyangombwa bikurikira :

- 1° fotokopi y'indangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- 2° fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa noteri
- 3° amafoto abiri magufi y'amabara.

Ingingo ya 142: Igihe gutanga kandidature bitangirira, igihe birangirira n'uburyo zemezwa

Igihe gutangira kandidature bitangirira, igihe birangirira n'uburyo zemezwa ku rwego rw'Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali, bigenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Article 141: Candidature supporting documents

The application is accompanied by the following documents:

- 1° a copy of the identity card or a copy of another document certifying he or she is Rwandan;
- 2° a certified copy of the diploma by a public notary;
- 3° two passport photos.

Article 142: Beginning and the end of the period for submission of candidature and modalities of approval

The beginning, the end of submission of candidature and modalities for their approval at District or City of Kigali levels are determined by instructions issued by the National Electoral Commission.

Article 141: Documents accompagnant le dossier de candidature

La lettre de candidature est accompagnée des documents ci-après :

- 1° une photocopie de la carte d'identité nationale ou de toute autre pièce délivrée par l'autorité administrative compétente indiquant que le candidat est de nationalité rwandaise ;
- 2° une photocopie notariée du Diplôme ou du Certificat;
- 3° deux photos passeport en couleur.

Article 142: Début et fin de dépôt de candidatures ainsi que les modalités de leur approbation

Le début et la fin des dépôts de candidature ainsi que les modalités d'approbation des candidatures au niveau du District et de la Ville de Kigali sont déterminés par les instructions de la Commission Nationale Electorale.

Akiciro ka 2: Gutanga kandidature ku mwanya w'abagize biro y'Inama Njyanama y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali

Ingingo ya 143: Igihe kandidature itangirwa

Gutanga kandidature ku mwanya w'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali bikorwa ku munsu w'itora imbere y'abagize Inama Njyanama

Ingingo ya 144: Ibisabwa uwiyamamariza umwanya w'abagize Biro y'inama njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali

